| ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/07.01 RYO KU WA 14/10/2021 RIGENA UBUNDI BURYO AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE AKORWAMO KUBERA INZITIZI NTARENGWA | MINISTERIAL ORDER N° 003/07.01 OF 14/10/2021 DETERMINING OTHER MODALITIES TO CONDUCT ELECTIONS OF DECENTRALIZED ADMINISTRATIVE ENTITIES DUE TO FORCE MAJEURE | ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/07.01 DU 14/10/2021 DÉTERMINANT D'AUTRES MODALITÉS DE TENUE DES ÉLECTIONS DES ENTITÉS ADMINISTRATIVES DECENTRALISÉES À CAUSE DE FORCE MAJEURE |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri iteka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Amatora arebwa n'iri teka** | **Article 2: Elections covered by this Order** | **Article 2: Élections auxquelles s'applique le présent arrêté** |
| **Ingingo ya 3: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, inteko itora n'uburyo itora rikorwa** | **Article 3: Village elective posts, electoral college and the modalities for election** | **Article 3: Postes électifs au niveau du Village, le collège électoral et les modalités d'élection** |
| **Ingingo ya 4: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari n'inteko itora** | **Article 4: Cell elective posts and the electoral college** | **Article 4: Postes électifs au niveau de la Cellule et le collège électoral** |
| **Ingingo ya 5: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umurenge n'inteko itora** | **Article 5: Sector elective posts and the electoral college** | **Article 5: Postes électifs au niveau du Secteur et le collège électoral** |
| **Ingingo ya 6: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akarere n'inteko itora** | **Article 6: District elective posts and the electoral college** | **Article 6: Postes électifs au niveau du District et le collège électoral** |
| **Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 7: Commencement** | **Article 7: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/07.01 RYO KU WA 14/10/2021 RIGENA UBUNDI BURYO AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE AKORWAMO KUBERA INZITIZI NTARENGWA** | **MINISTERIAL ORDER N° 003/07.01 OF 14/10/2021 DETERMINING OTHER MODALITIES TO CONDUCT ELECTIONS OF DECENTRALIZED ADMINISTRATIVE ENTITIES DUE TO FORCE MAJEURE** | **ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/07.01 DU 14/10/2021 DÉTERMINANT D'AUTRES MODALITÉS DE TENUE DES ÉLECTIONS DES ENTITÉS ADMINISTRATIVES DECENTRALISÉES À CAUSE DE FORCE MAJEURE** |
| **Ministiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;** | **The Minister of Local Government;** | **Le Ministre de l'Administration Locale;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176; |
| Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 122; | Pursuant to Organic Law n° 001/2019.OL of 29/07/2019 governing elections as amanded to date, especially in Article 122; | Vu la Loi Organique n° 001/2019.OL du 29/07/2019 régissant les élections telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 122; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/10/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 13/10/2021; | Aprés examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/10/2021; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri iteka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigena ubundi buryo amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze akorwamo budateganyijwe mu Itegeko Ngenga rigenga amatora, kubera inzitizi ntarengwa y'icyorezo cya COVID-19. | This Order determines other modalities to conduct elections of decentralised administrative entities that are not provided for by the Organic Law governing elections, due to force majeure of COVID-19 pandemic. | Le présent arrêté détermine d'autres modalités non prévues par la loi organique régissant les élections pour procéder aux élections des entités administratives décentralisées, à cause de la force majeure de la pandémie de COVID-19. |
| **Ingingo ya 2: Amatora arebwa n'iri teka** | **Article 2: Elections covered by this Order** | **Article 2: Élections auxquelles s'applique le présent arrêté** |
| Iri Teka rireba amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, urw'Umurenge n'urw'Akarere. | This Order applies to elections of the authorities of decentralised entities at the Village, Cell, Sector and District levels. | Le présent arrêté s'applique aux élections des autorités des entités décentralisées aux niveaux du Village, de la Cellule, du Secteur et du District. |
| **Ingingo ya 3: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, inteko itora n'uburyo itora rikorwa** | **Article 3: Village elective posts, electoral college and the modalities for election** | **Article 3: Postes électifs au niveau du Village, le collège électoral et les modalités d'élection** |
| Ku rwego rw'Umudugudu, hatorwa abantu batanu (5) bagize Komite Nyobozi bakurikira: | At the Village level, the following five (5) members of the Executive Committee are elected: | Au niveau du Village, cinq (5) membres du Comité Exécutif suivants sont élus: |
| 1° Umukuru w'Umudugudu; | 1° the Head of the Village; | 1° le Chef du Village; |
| 2° Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'imbonezamubano; | 2° the in charge of social and civil affairs; | 2° le chargé des affaires sociales et civiles; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° Ushinzwe umutekano, abinjira n'abasohoka mu Mudugudu; | 3° the in charge of security, entry and exit to or from the Village; | 3° le chargé de la sécurité, de l'entrée ou de la sortie du Village; |
| 4° Ushinzwe amakuru n'amahugurwa y'abaturage; | 4° the in charge of information and training of the population; | 4° le chargé de l'information et de la formation de la population; |
| 5° Ushinzwe iterambere. | 5° the in charge of development. | 5° le chargé du développement. |
| Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu batorwa mu buryo buziguye n'inteko itorwa n'abaturage bose batuye Umudugudu bagabanyijwe mu matsinda hiyongereyeho abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umudugudu n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umudugudu. | Members of the Executive Committee of the Village are elected through indirect vote by electoral college elected by all residents of the Village divided into groups as well as members of the Executive Committee of the National Women Council at the Village level and members of the Executive Committee of the National Youth Council at the Village level. | Les membres du Comité Exécutif du Village sont élus au suffrage indirect par un collège électoral élu par tous les habitants du Village répartis en groupes ainsi que les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du Village et les membres du Comité du Conseil National de la Jeunesse au niveau du Village. |
| Buri tsinda ritora abarihagararira batatu (3) nibura umwe muri bo akaba ari uw'igitsina gore. | Each group elects three (3) representatives, at least one of whom is a female. | Chaque groupe élit trois (3) représentants dont un au moins est de sexe féminin. |
| Umuntu watowe muri buri tsinda yemerewe kwiyamamaza ku myanya y'abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu. Umwe mu bagize inteko itora yemerewe kandi kwamamaza undi muntu utari mu bagize inteko itora n'iyo uwo muntu yaba atari aho batorera. | A person elected in each group is permitted to stand as a candidate for Village Executive Committee posts. A member of the electoral college is also permitted to present another candidate who is not a member of the electoral college even if that candidate is not present at the polling station. | Une personne élue en chaque groupe a le droit de présenter sa candidature aux postes du Comité Exécutif du Village. Un membre du collège électoral a également le droit de présenter un candidat qui ne fait pas partie du collège électoral même si ce candidat n'est pas présent au site électoral. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 4: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari n'inteko itora**<br><br>Ku rwego rw'Akagari, hatorwa abantu bakurikira bagize Inama Njyanama y'Akagari:<br><br>1 º abajyanama batorwa n'inteko ivugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka itorwa n'abaturage bose bagabanyijwe mu matsinda agize buri Mudugudu ugize Akagari hiyongereyeho abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ya buri Mudugudu ugize Akagari na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ya buri Mudugudu ugize Akagari.<br><br>2 º Buri Mudugudu ugize Akagari uhagararirwa n'umujyanama umwe. Umuntu watowe muri buri tsinda yemerewe kwiyamamaza ku mwanya w'ubujyanama. Umwe mu bagize inteko itora yemerewe kandi kwamamaza undi muntu wese utari mu bagize inteko itora n'iyo uwo muntu yaba atari aho batorera. Abiyamamaza batanga kandidatire ku munsi w'itora kandi bakaba ari na bwo biyamamaza; | **Article 4: Cell elective posts and the electoral college**<br><br>At the Cell level, the following members of the Cell Council are elected:<br><br>1 º the councillors elected by the electoral college mentionned in Article 3 of this Order elected by all residents divided into groups of each Village of the Cell as well as the members of the Executive Committee of the Village, the members of the Executive Committee of the National Women Council of each Village of the Cell and the members of the Executive Committee of the National Youth Council of each Village of the Cell;<br><br>2 º Every Village of a Cell is represented by one councillor. Any person elected in each group is permitted to stand as a candidate for the post of a councilor. A member of the electoral college is also permitted to present another candidate who is not a member of the electoral college even if that candidate is not at the polling station. Candidates present their candidacies on election day and the election campaign takes place on the same day. | **Article 4: Postes électifs au niveau de la Cellule et le collège électoral**<br><br>Au niveau de la Cellule, les membres du Conseil de Cellule suivants sont élus:<br><br>1 º les conseillers élus par un collège électoral élu par tous les habitants répartis en groupes dans chaque Village de la Cellule ainsi que les membres du Comité Exécutif du Village, les membres du Comité du Conseil National des Femmes de chaque Village de la Cellule et les membres du Comité du Conseil National de la Jeunesse de chaque Village de la Cellule ;<br><br>2 º chaque Village d'une Cellule est représenté par un conseiller. Une personne élue dans chaque groupe est autorisée à se porter candidat au poste de conseiller. Un membre du collège électoral a également a l'autorisation de présenter un candidat qui ne fait pas partie du collège électoral même si ce candidat n'est pas présent au site électoral. Les candidatures sont reçus le jour de l'élection et la campagne électorale se fait le même jour. |

| | | |
|---|---|---|
| 3 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'abagore ku rwego rw'Akagari utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari; | 3 º the Coordinator of the National Women's Council at the Cell level elected by the members of the Executive Committee of the National Women's Council at the level of the Villages of the Cell; | 3 º la Coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau de la Cellule élue par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau des Villages qui forment la Cellule; |
| 4 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akagari utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari; | 4 º the Coordinator of the National Youth Council at the Cell level elected by the members of the Executive Committee of the National Youth Council at the level of the Villages of the Cell; | 4 º le Coordinateur du Conseil National de la Jeunesse au niveau de la Cellule élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau des Villages qui forment la Cellule; |
| 5 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu Bafite Ubumuga utorwa n'abantu bafite ubumuga bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko batuye muri ako Kagari hiyongereyeho ababyeyi b'abana bafite ubumuga bwo mu mutwe, abishingizi babo cyangwa abandi bantu babitaho, ariko abo bana bagomba kuba bafite uburenganzira bwo gutora; | 5 º the Coordinator of the National Council of Persons with Disabilities elected by persons with disabilities living in that Cell who are at least eighteen (18) years of age as well as the parents of the children with mental disability, their guardians or other persons with the duty to take care of them, if those children have the right to vote; | 5 º le Coordinateur du Conseil National des personnes handicapées élu par les personnes handicapées ayant au moins dix-huit (18) ans résidant dans cette Cellule ainsi que les parents des enfants qui ont un handicap mental, les tuteurs de ces enfants ou d'autres personnes qui ont le devoir de prendre soin d'eux, à condition que ces enfants aient le droit de vote; |
| 6 º uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri y'incuke, iyo ahari, biri mu Kagari. Iyo mu Kagari hari ikigo kimwe cy'amashuri y'incuke, umuyobozi wacyo ni we uhagararira icyo kigo mu Nama Njyanama y'Akagari. Iyo mu Kagari harimo ibigo | 6 º a representative of heads of nursery schools, if there is any, located in the Cell. If there is only one nursery school in the Cell, its director represents the school in the Cell Council. If there is more than one nursery school in the Cell, their heads | 6 º un représentant des directeurs des écoles maternelles situées dans la Cellule, lorsqu'il y en a une. Lorsqu'il y a une seule école maternelle dans la Cellule, son directeur représente cette école dans le Conseil de la Cellule. S'il y a plus d'une école maternelle |

| | | |
|---|---|---|
| by'amashuri y'incuke birenze kimwe, abayobozi babyo bitoramo ujya mu Nama Njyanama; | elect among themelves a representative in the Council; | dans la Cellule, leurs directeurs élisent parmi eux un représentant au Conseil; |
| 7 º uhagarariye abarimu b'amashuri abanza ari mu Kagari. Iyo mu Kagari hari ikigo kimwe cy'amashuri abanza, umuyobozi wacyo ni we uhagararira icyo kigo mu Nama Njyanama. Iyo mu Kagari harimo ibigo by'amashuri abanza birenze kimwe, abayobozi babyo bitoramo umwe ujya mu Nama Njyanama; | 7 º a representative of teachers of primary schools located in the Cell. If there is only one primary school in the Cell, its director represents the school in the Cell Council. If there are more than one primary school, their directors elect among themselves a representative in the Council; | 7 º un représentant des enseignants des écoles primaires situées dans la Cellule. Lorsqu'il y a une seule école primaire dans la Cellule, son directeur représente cette école dans le conseil de la Cellule. S'il y a plus d'une école primaire, leurs directeurs élisent entre eux un représentant au Conseil; |
| 8 º uhagarariye abikorera mu Kagari utorwa n'abagize Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Akagari; | 8 º a representative of the private sector in the Cell elected by members of the Private Sector Federation at the Cell level; | 8 º un représentant du Secteur Privé dans la Cellule élue par les membres de la Fédération du Secteur Privé au niveau de la Cellule; |
| 9 º abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari batorwa n'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu z'Abagore z'Imidugudu igize Akagari na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore y'Akagari. Abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu z'Abagore z'Imidugudu ni bo bavamo abakandida batorwamo mirongo itatu ku ijana (30%) b'abagore bagomba kujya mu Nama Njyanama y'Akagari; | 9 º at least thirty percent (30%) female councillors of the Cell Council elected by members of the Executive Committees of the National Women's Councils of the Villages within a Cell and the members of the Executive Committee of the National Women Council at cell level. The thirty percent (30%) of members of the Cell Council are elected among the members of the Executive Committees of the National Women's Council of the Villages; | 9 º les conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil de la Cellule élus par les membres des Comités Exécutifs du Conseil National des Femmes au niveau des Villages qui forment la Cellule ainsi que les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau de la Cellule. Les trente pourcent (30%) des membres du Conseil de la Cellule sont élus parmi les membres du Comité Exécutif du |

| | | |
|---|---|---|
| | | Conseil National des Femmes au niveau des Villages; |
| 10 º Biro y'Inama Njyanama y'Akagari igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga batorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akagari. | 10 º the Bureau of Cell Council composed of the Chairperson, the Vice-Chairperson and the Secretary, elected by the members of the Cell Council. | 10 º le Bureau du Conseil de la Cellule composé du Président, du Vice Président et du Secrétaire élu par les membres du Conseil de la Cellule. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umurenge n'inteko itora** | **<u>Article 5</u>: Sector elective posts and the electoral college** | **<u>Article 5</u>: Postes électifs au niveau du Secteur et le collège électoral** |
| Ku rwego rw'Umurenge, hatorwa abagize Inama Njyanama y'Umurenge bakurikira: | At the Sector level, the following members of the Sector Council are elected: | Au niveau du Secteur, les membres suivants du Conseil de Secteur sont élus: |
| 1 º umujyanama uhagarariye Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge, utorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akagari, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko y'Utugari tugize Umurenge, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Tugari tugize Umurenge n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga y'Utugari tugize Umurenge; | 1° a councillor representing the Cell in the Sector Council elected by the members of the Cell Council, members of the Executive Committee of the National Women Council of the Cells within the Sector, members of the Executive Committee of the National Youth Council of the Cells within the Sector and the members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities of the Cells within the Sector; | 1° un conseiller représentant la Cellule au Conseil de Secteur élu par les membres du Conseil de Cellule, les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau des Cellules qui forment le Secteur, les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau des Cellules qui forment le Secteur ainsi que les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau des Cellules qui forment le Secteur; |
| 2 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge utorwa n'abagize Komite Nyobozi | 2° the Coordinator of the National Women Council at the Sector level elected by the members of the Executive Committee of | 2° la Coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau du Secteur élue par les membres du Comité Exécutif du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge; | the National Women's Council at the level of the Cells within a Sector; | National des Femmes au niveau des Cellules qui forment le Secteur; |
| 3 º abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge batorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge; | 3° the members of the Bureau of the National Youth Council at the Sector level elected by the members of the Executive Committee of the National Youth Council at the level of the Cells within a Sector; | 3° les membres du Bureau du Conseil National de la Jeunesse au niveau du Secteur élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau des Cellules qui forment le Secteur; |
| 4 º Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Umurenge utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge; | 4° the Coordinator of the National Council for Persons with Disabilities at the Sector level elected by the members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at the level of the Cells within a Sector; | 4° le Coordinateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du Secteur élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau des Cellules qui forment le Secteur; |
| 5 º uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza biri muri uwo Murenge. Iyo hari ikigo kimwe gusa cy'amashuri abanza mu Murenge, umuyobozi wacyo ni we ugihagararira mu Nama Njyanama. Iyo hari ibigo by'amashuri abanza bibiri cyangwa birenze bibiri, abayobozi babyo bitoramo umwe ujya mu Nama Njyanama; | 5° a representative of the heads of primary schools in the Sector. If there is only one school in the Sector, its director represents that school in the Sector Council. If there are two or more primary schools, their heads elect among themselves a representative in the Council; | 5° un représentant des directeurs des écoles primaires œuvrant dans le Secteur. Lorsqu'il y a une seule école primaire, son directeur représente cette école dans le Conseil de Secteur. S'il y a deux écoles primaires ou plus, leurs directeurs élisent parmi eux un représentant au Conseil; |
| 6 º uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye biri muri uwo Murenge. Iyo mu Murenge hari ikigo kimwe cy'ishuri ryisumbuye, | 6° a representative of the heads of secondary schools located in the Sector. If there is only one secondary school in the Sector, its head represents that school in the | 6° un représentant des directeurs des écoles secondaires se trouvant dans le Secteur. Lorsqu'il y a une seule école secondaire dans le Secteur, son directeur représente |

| | | |
|---|---|---|
| umuyobozi wacyo ni we uhagararira icyo kigo mu Nama Njyanama y'Umurenge. Iyo hari ibigo by'amashuri yisumbuye birenze kimwe, abayobozi babyo bitoramo umwe ujya mu Nama Njyanama; | Sector Council. If there are two or more secondary schools, their heads elect among themselves a representative in the Council; | cette école dans le Conseil de Secteur. S'il y a plusieurs écoles secondaires, leurs directeurs élisent parmi eux un représentant au Conseil; |
| 7 º uhagarariye Imiryango itari iya Leta ikorera muri uwo Murenge utorwa n'abahagarariye iyo miryango imbere y'amategeko; | 7° a representative of non governmental organizations that operate in the Sector elected by legal representatives of those organizations; | 7° un représentant des organisations non gouvernementales œuvrant dans le Secteur, élu par les représentants légaux de ces organisations; |
| 8 º uhagarariye abikorera muri uwo Murenge utorwa n'abagize Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Umurenge; | 8° a representative of the private sector in the Sector elected by the members of the Private Sector Federation at the Sector level; | 8° un représentant du secteur privé dans le Secteur élu par les membres de la Fédération du Secteur Privé au niveau du Secteur; |
| 9 º umuyobozi uhagarariye ibitaro, ibigo nderabuzima cyangwa andi mavuriro bikorera mu Murenge. Iyo mu Murenge hari ibitaro bimwe cyangwa ikigo nderabuzima kimwe cyangwa irindi vuriro rimwe, umuyobozi uhagarariye icyo kigo cy'ubuvuzi ni we uhagararira icyo kigo mu Nama Njyanama y'Umurenge. Iyo hari ibitaro, ibigo nderabuzima cyangwa andi amavuriro birenze bimwe, abayobozi babihagarariye bitoramo umwe ujya mu Nama Njyanama; | 9° an official representing hospitals, health centers or other health facilities operating in the Sector. If there is only one hospital, health center or one other health facility in the Sector, its official representative represents the health facilty in the Sector Council. If there is more than one hospital, health center or other health facility, their official representatives elect among themselves a representative in the Council; | 9° un responsable représentant des hôpitaux, centres de santé ou centres médicaux œuvrant dans le Secteur. Lorsqu'il y a un seul hôpital ou un seul centre de santé ou un seul centre médical, son représentant officiel représente cet établissement de santé dans le Conseil de Secteur. S'il y a plus d'un hôpital, d'un centre de santé ou d'un centre médical, leurs représentants officiels élisent parmi eux un seul représentant au Conseil; |

| | | |
|---|---|---|
| 10 º abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge batorwa n'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu z'Abagore z'Utugari tugize Umurenge n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge. Abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu z'Abagore z'Utugari tugize Umurenge ni bo bavamo abakandida batorwamo mirongo itatu ku ijana (30%) by'abajyanama b'abagore bagomba kujya mu Nama Njyanama y'Umurenge; | 10° female councillors who constitute at least thirty percent (30%) of the members of the Sector Council elected by the members of the Executive Committees of the National Women's Councils of the Cells within the Sector and the members of the Executive Committee of the National Women Council at the Sector level. The thirty percent (30%) of female councillors of the Sector Council are elected among the members of the Executive Committees of the National Women's Council at the level of the Cells; | 10° les conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil du Secteur élu par les membres des Comités Exécutifs des femmes au niveau des Cellules qui forment le Secteur et les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du Secteur. Les trente pourcent (30%) des conseillers de sexe féminin du Conseil de Secteur sont élues parmi les membres des Comités Exécutifs du Conseil National des Femmes au niveau des Cellules; |
| 11 º Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga batorwa n'abagize Inama Njyanama. | 11° the Bureau of the Sector Council composed of the Chairperson, the Vice-Chairperson and the Secretary, elected by the members of the Sector Council. | 11° le Bureau du Conseil de Secteur composé du Président, du Vice-Président et du Secrétaire élus par les membres du Conseil de Secteur. |
| Buri gihe, uhagarariye inzego z'imirimo ziteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo agomba kuba ari Umunyarwanda. Iyo bigaragaye ko umuyobozi w'urwo rwego ari umunyamahanga, urwo rwego ruhagararirwa n'Umunyarwanda ukurikira mu rwego rw'ubuyobozi. | In all cases, the representative of the organs provided for in Paragraph One of this Article must be a Rwandan. If it is evident that the head of that organ is a foreigner, that organ is represented by a Rwandan who comes immediately after the foreigner according to the administrative hierarchy. | Dans tous les cas, le représentant des organes prévus à l'alinéa premier du présent article doit être de nationalité rwandaise. Lorsqu'il apparaît que le dirigeant de cet organe est un étranger, cet organe est représenté par un rwandais qui vient immédiatement après cet étranger selon la hiérarchie administrative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akarere n'inteko itora** | **<u>Article 6</u>: District elective posts and the electoral college** | **<u>Article 6</u>: Postes électifs au niveau du District et le collège électoral** |
| Ku rwego rw'Akarere, hatorwa abagize Inama Njyanama y'Akarere bakurikira: | At the District level, the following members of the District Council are elected: | Au niveau du District, les membres du Conseil de Secteur suivants sont élus: |
| 1° abajyanama umunani (8) batorwa ku rwego rw'Akarere n'abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Karere, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku Karere, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku Karere n'abagize Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere; | 1° eight (8) councillors elected at the District level by the members of the Sector Councils of the District, the members of the Executive Committee of the National Women Council at the District level, the members of the Executive Committee of the National Youth Council at the District level, the members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at Distict level and the members of the Private Sector Committee at the District level; | 1° huit (8) conseillers élus au niveau du District par les membres de Conseils de tous les Secteurs du District, les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du District, les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau du District, ainsi que les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du District et les membres du Comité du Secteur Privé au niveau du District; |
| 2° abajyanama batanu (5) b'abagore bangana na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama Njyanama y'Akarere batorwa n'abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere; | 2° five (5) female councillors who make up at least thirty percent (30%) of the members of the District Council elected by the members of all Sector Councils of the District and the members of the Executive Committee of the National Women Council at the District level; | 2° cinq (5) conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil du District élus par les membres des Conseils de tous les Secteurs du District et les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du District; |
| 3° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere utorwa n'abagize Komite Nyobozi | 3° the Coordinator of the National Youth Council at the District level elected by the the members of Executive | 3° le Coordinateur du Conseil National de la Jeunesse au niveau du District élu par les membres du Comité |

| | | |
|---|---|---|
| y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Imirenge igize Akarere; | Committee of the National Youth Council of the Sectors of the District; | Exécutif du Conseil National de la Jeunesse des Secteurs du District; |
| 4° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Imirenge igize Akarere; | 4° the Coordinator of the National Women's Council at the District level elected by the members of Executive Committee of the National Women Council of the Sectors of the District; | 4° la Coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau du District élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes des Secteurs du District; |
| 5° Umuhuzabikowa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Imirenge igize Akarere; | 5° the Coordinator of the National Council of Persons with Disabilities at the District level elected by the the members of Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities of the Sectors of the District; | 5° le Coordinateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du District élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées des Secteurs du District; |
| 6° Perezida w'abikorera mu Karere utorwa n'abagize Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Akarere. | 6° the Chairperson of the private sector elected by the members of the Private Sector Federation at the District level. | 6° le Président du secteur privé au niveau du District élu par les membres de la Fédération du Secteur Privé au niveau du District. |
| Biro y'Inama Njyanama y'Akarere igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga batorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akarere. | The Bureau of the District Council is composed of the Chairperson, the Vice-Chairperson and the Secretary elected by the members of the District Council. | Le Bureau du Conseil de District est composé du Président, du Vice-Président et du Secrétaire élus par les membres du Conseil de District. |
| Ku rwego rw'Akarere, hatorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere batorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akarere, abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu | At the District level, the District Executive Commitee is also elected by the members of the District Council, members of the Sector Councils of the Distict, members of the Executive Committee of the National Women | Au niveau du District, il est également élu les membres du Comité Exécutif du District, élus par les membres du Conseil de District, les membres du Conseil des Secteurs du District, les membres du Comité Exécutif du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| y'Abagore ku rwego rw'Akarere, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere, abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere n'abagize Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere. | Council at the District level, members of the Executive Committee of the National Youth Council at the District level, members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at the Distict level and the members of the Private Sector Committee at the District level. | National des Femmes au niveau du District, les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau du District, ainsi que les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du District et les membres du Comité du Secteur Privé au niveau du District. |
| **Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 7: Commencement** | **Article 7: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

Kigali, 14/10/2021

**(sé)**

**GATABAZI Jean Marie Vianney**
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
Minister of Local Government
Ministre de l'Administration Locale

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux